31 Gicurasi 2021

NGIYI ITANU IRASHIZE !

Banyarwandakazi, Banyarwanda,

Ntwarane namwe Intarumikwa za CNRD-FLN,

Mu ndamutso y'intego ya CNRD-FLN, nimugire Ubutabera, Ubwiyunge na Demokarasi.

31 Gicurasi 2016, Intwarane n'Intarumikwa z'imihana yose nibwo zafashe icyemezo cy'amateka zishinga ishyaka rya CNRD-FLN. Uyu munsi 31 Gicurasi 2021, imyaka itanu irashize ritubumbatiye, ritubereye maso, n'ubwo umwanzi atabuze kuturohaho amakuba no kutugenzanya umujinya.

Nguwo rero wa mwana wateye akamo ko abonye izuba ubunnyano buraribwa si ugusimbagizwa karahava, ibere araricakira sinakubwira si ugukura ajya mbere agwiza ubwenge n'imbaraga agana abavandimwe n'inshuti kuko nta mugabo umwe. Ngiryo ishyaka ryacu CNRD-FLN.

Burya nta byera ngo de, CNRD-FLN yavutse mu gihe kigoye, igihe cy'ibibazo ku buryo itabonye umwanya uhagije wo guteta no gutangira neza ubuzima bw'ejo uko bwasa kose. CNRD-FLN kuva ivuka yarwanye intambara zikomeye cyane kugirango ikomeze kubaho no gushyira mu bikorwa imihigo ihimbaje yiyemeje, ishyiraho umutwe w'ingabo ngo zikomereze icyizere Abanyarwanda ko urugamba rw'impinduramatwara rudakuka, ko ari ihame kuri CNRD-FLN.

Bavandimwe, ntako Leta y'agatsiko FPR-DMI itagize ngo inige ishyaka ryacu n'umushinga wacu. Yatugabyeho ibitero, iduteza imitwe myinshi yakomeje gushinga no gushyigikira iyo muli Congo no mu karere.

N'ubwo byari bikomeye, CNRD-FLN ntiyaheranywe n'urwo rugamba rwo kubaho ahubwo yariyubatse itangiza urugamba rwa politike ngo bityo haboneke ubufatanye bwuzuzanya mu rwego rwa politike na gisilikare.

Gusa umwanzi ntahuga, muli Kamena 2019 CNRD-FLN yongeye kwisanga yonyine mu mihigo ihambaye yiyemeje mu maso y'Abanyarwanda, kandi ari nako kuva mu ntangiriro z'umwaka wa 2018 urugamba rwari rwarimuriwe imbere mu Rwanda, n'ingabo zacu FLN zarahashinze ibirindiro ngo haba muli politike haba no mu rwego rwa gisilikare dukinire mu kibuga nyakuli ndavuga gakondo yacu. Ngurwo rero urugamba rwa CNRD-FLN rurarimbanyije na n'ubu ahubwo ngurwo rufashe indi ntera.

Basangirangendo, Ntwarane Intarumikwa,

Banyarwandakazi Banyarwanda,

Ku munsi nk'uyu ni umwanya wo kuzirikana no kwibuka intwali zose zitanze zitizigamye zigashinga uyu muryango mugari CNRD-FLN nk'inkingi ya kanagazi mu rugamba rw'impinduramatwara y'Abanyarwanda. Turashima ubutwari n'ubwitange by'Intwarane n'Intarumikwa z'ikubitiro zemeye

kumena amaraso yazo aho gutatira igihango zahanye n'Abanyarwanda. Twunamiye izo ntwali zitangiye Abanyarwanda ari nako tuvugurura intego yacu mu ndahiro y'Ubutabera, Ubwiyunge na Demokarasi.

Iri shyaka ryacu n'ingabo zaryo kuva rikivuka ryateye amakenga n'igishyika cyinshi Agatsiko gatsikamiye Abanyarwanda. Nibwo Leta y'Agatsiko imaze kwibonera ikibatsi cya FLN iyo za Nyabimata n'ahandi, yahagurukije ingabo ipfundikanya akagambane gakomeye n'imitwe myinshi yo muli Congo ngo bafatanyirize guca inyuma FLN maze barimbure inzirakarengane z'impunzi zigizwe n'abavandimwe basizwe inyuma n'Intarumikwa zitabaye. Nibwo ari igihugu cyaduhaye ubuhungiro ari n'umuryango mpuzamahanga bose batereranye Abanyarwanda haba intambara mbi yo ku umuhindo 2019.

Nibwo FLN iharwanye inkundura yerekana ubutwari butagereranywa ngo imigambi mibisha ya Kagame-FPR-DMI itagerwaho. Hamenetse rero amaraso y'abacu, hatangwa ibitambo, abavandimwe b'impunzi bacyurwa bunyago abandi baburirwa irengero. Gusa no kugeza magingo aya ingabo zacu (FLN) ntizatezutse mu kurasanira Abanyarwanda, no mu rugamba rya politike imihigo irarimbanyije.

Umwanya nk'uyu rero ni uwo kwibuka intwari zashinze uyu muryango kandi zikawusagasira kugeza ubu. Ni umwanya wo kwibuka, kwunamira no guha icyubahiro intwari zitanze zitizigamye, ni umwanya na none wo gutera ingabo mu bitugu izo ntwari zihanganye na sekibi ku rugamba rurimbanyije. Ni umwanya kandi wo gutumbera imbere mu ngamba zacu kugirango n'aho tutaragera dushingeyo ikirenge bityo tugarurire Abanyarwanda ibyiringiro bizima.

Banyarwandakazi,

Banyarwanda,

Imihigo CNRD-FLN yiyemeje irahimbaje koko kandi irarimbanyije ; ahubwo turararikira buli wese kutwegera no kudutera ingabo mu bitugu. Turabwira Abanyarwanda mwese ko uru rugamba ari urwanyu. Ku bavandimwe muli mu yindi mitwe ya politike iharanira impinduka mu gihugu cyacu tubaramburiye amaboko : nk'uko Abakurambere bacu babivuze, ababili ntibacibwa inka kandi abishyize hamwe Imana irabasanga. Dukomeje rero kubararikira iyo mihigo ihimbaje kuko ubufatanye no guhuza imbaraga byakomeje kuba intego yacu kuva mbere.

Ndangize rero nsaba Intwarane n'Intarumikwa zateruye uru rugamba gukomeza kwandika amateka y'impinduramatwara y'Abanyarwanda. Nimukomeze mwereke Abanyarwanda inzira yo kwibohora maze twese hamwe dutsinsure iyi Leta mpotozi dushinge u Rwanda rushya nk'igihugu kitubereye kandi kibungabunga abana bacyo nta n'umwe giheje.

Harakabaho CNRD-FLN ! Harakabaho u Rwanda rw'Abanyarwanda ! Murakarama !

Mme Francine UMUBYEYI,
Présidente a.i. wa CNRD-FLN

ISABUKURU Y'IMYAKA 5 CNRD - FLN